

ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 01 Werurwe 2012, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. RWIGEMA Gonzague.

Ku murongo w'ibyizwe hari gushyiraho ubuyobozi bushya bw'Ihuriro.

Inama Rusange yatoye Abagize Biro y'Ihuriro bashya,aribo **Hon. Dr MUKABARAMBA Alvera**, uturuka mu ishyamba PPC, ku mwanya w'Umuvugizi na **Hon. MUKANDUTIYE Speciose**, uturuka mu Muryango FPR – INKOTANYI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Inama Rusange yashyizeho n'Abagize Komisiyo z'Ihuriro zikurikira: *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbarane; Komisiyo ishinze gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinze itumanaho no kungurana ibitekerezo.*

Inama Rusange yongeye kandi gutora **Bwana KAYIGEMA Anicet**, ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro.

Ikindi Inama Rusange yagarutseho ni gahunda n'imyiteguro y'*Icyumweru cy'Icyunamo* cyo kwibuka ku ncuho ya 18 Jenocide yakorewe Abatutsi mu w'1994, isaba Inzego zose zibishinze gutangira gushishikariza Abanyarwanda bose kuzabyitabira.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 01/03/2012

KAYIGEMA Anicet
Umunyamabanga Nshingwabikorwa